Association Mwana Ukundwa

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO RYO GUTWARA INGEMWE Z'IBITI BY'IMBUTO N'IBIVANGWA N'IMYAKA MU TURERE TWA GISAGARA NA NYARUGURU**

Association Mwana Ukundwa (AMU) ku bufatanye na Tearfund-Rwanda mu mushinga EU Kungahara uterwa inkunga n'umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'i Burayi (Europian Union), ukorera mu turere twa Gisagara na Nyaruguru, iramenyesha abantu bose babyifuza ko ifite isoko ryo gutwara (Transportation) ingemwe z'ibiti by'imbuto ziribwa n'ibivangwa n'imyaka; zizaterwa n'abafatanyabikorwa b'umushinga EU Kungahara mu mirenge itandukanye yo muri utwo turere twavuzwe haruguru.

**1. Ahazagezwa ingemwe**

Gutwara ingemwe z'ibiti by'imbuto ziribwa (avoka zo mu bwoko bwa *Hass*), ibivangwa n'imyaka (Grevelia na Calliandra), n'ibiti by'ishyamba (inturusu), bizakorerwa mu mirenge umunani (8) ikurikira:

- **Akarere ka Gisagara:** Kansi, Musha Ndora.
- **Akarere ka Nyaruguru:** Ruramba, Mata, Nyabimata, Munini na Cyahinda

*Imbonerahamwe y'imirenge, aho pepiniere yubatse, Sites ingemwe zizafatirwaho n'ingano y'ingemwe z'ibiti*

| Akarere | Umurenge | Avoka | Grevellia | Calliandra | Inturusi | Total | Akagari pepiniere yubatsemo | Site ingemwe zizafatirwaho |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Gisagara | 1 Ndora | 2366 | 8281 | 3549 | 3549 | 17,745 | Bweya | Ku murenge |
| | 2 Musha | 796 | 2786 | 1194 | 1194 | 5,970 | Shyanda | Ku murenge |
| | 3 Kansi | 1580 | 5530 | 2370 | 2370 | 11,850 | Akaboti | ADPR Kansi |
| Nyaruguru | 4 Nyabimata | 1192 | 4172 | 1788 | 1788 | 8,940 | Nyabimata | Nyiragase |
| | 5 Ruramba | 1616 | 5656 | 2424 | 2424 | 12,120 | Gabiro | Giseke ku mashuri |
| | 6 Cyahinda | 1200 | 4200 | 1800 | 1800 | 9,000 | Coko | Ku murenge |
| | 7 Munini | 1190 | 4165 | 1785 | 1785 | 8,925 | Ngeri | Giheta |
| | 8 Mata | 1200 | 4200 | 1800 | 1800 | 9,000 | Nyamyumba | Mu Cyicumi |
| **Total** | | **11,140** | **38,990** | **16,710** | **16,710** | **83,550** | **N/A** | **N/A** |

**2. Ibikenewe ku bapiganira iri soko**

Abifuza gupiganira iri soko basabwe gutanga dosiye yuzuye igizwe n'ibi bikurikira:

1. Ibaruwa isaba isoko yandikiwe Umuyobozi Mukuru wa Association Mwana Ukundwa (AMU)
2. Kuba ari Company, Cooperative, cyangwa Umuntu ku giti cye, bigaragazwa n'ibyangombwa bibihamya
3. Proforma Invoice irambuye igaragaza:

- Ibiciro by'ubwikorezi (transport).
- Ubwoko n'umubare w'imodoka zizakoreshwa.
- Igihe bizatwara kugera ku masite yateguwe.

4. Kuba afite konti ya banki ikora, yanditse mu mazina y'upiganira isoko
5. Kuba afite icyemezo cy'uko nta mwenda abereyemo RRA na RSSB cya vuba (kitarengeje amezi atatu uhereye uyu munsi munsi isoko ripiganiwe)
6. Kuba afite cachet iri mu mazina y'upiganira isoko
7. Kuba atanga facture ya EBM
8. Kuba yemera kwishyurwa hakoreshejwe Bank Transfer (Payment Order)
9. Fotokopi y'indangamuntu cyangwa icyemezo gisimbura indangamuntu cya nyir'isosiyete, uhagarariye cooperative, cyangwa umucuruzi ku giti cye

**Icyitonderwa**

- Iri soko rigamije gutwara neza ingemwe z'ibiti by'imbuto n'ibivangwa n'imyaka bigenewe abafatanyabikorwabikorwa b'Umushinga EU Kungahara (ingemwe z'ibiti zizangirika zizishyurwa n'uwatsindiye isoko)
- Uwatsindira isoko agomba kubahiriza igihe kiri kuri calendrier izatangwa na Association Mwana Ukundwa.
- Uwatsindira iri soko agomba guhita aritangira mu gihe kitarenze iminsi ibiri.
- Ibiciro bigomba kuba birimo umusoro.
- AMU ifite uburenganzira bwo kwanga dosiye idahuje n'ibisabwa.
- Muri iri soko ingemwe z'ibiti by'imbuto (Avoka) zizatangwa guhera ku itariki 01/12/2025; uzatsindira isoko azahabwa calendrier igendanye no gutanga avoka.
- Uzatsindira iri soko agomba kubanza kugeza ingemwe z'ibiti bivangwa n'imyaka kuri site zateganyijwe, akaba yishyuwe 50% by'agaciro k'isoko ryose. Indi 50% isigaye akazayishyurwa amaze kugenza ingemwe za avoka kuri site zateganijwe, nukuvuga nyuma ya taliki 01/12/2025.

**5. Igihe cyo gutanga dosiye**

Abujuje ibisabwa barasabwa kugeza amabaruwa afunze neza n'ubujeni arimo ibyangombwa byose byasabwe ku biro bikuru bya Association Mwana Ukundwa (AMU) biherereye mu karere ka Kicukiro, Umurenge wa Kigarama, ku i Rebero, kuwa mbere tariki ya 03/11/2025 saa ine za mu gitondo (10h00) ari na yo saha amabaruwa azafungurirwaho ku mugaragaro.

**6. Aho wakura ibisobanuro birambuye**

Kubindi bisobanuro, mwahamagara kuri nimero za telefoni zikurikira: 0788530061 /0788830927/ 0788508408.

Bikorewe i Kigali, ku wa 28/10/2025.

Dr. Samuel Byiringiro
Umuyobozi Mukuru
Association Mwana Ukundwa (AMU)